

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE
N°290/03 RYO KU WA 13/11/2015
RISHYIRAHU AMATEGEKO YIHARIYE
AGENGA AMASHURI Y'ABAFATANYA NA
LETA KU BW'AMASEZERANO

PRIME MINISTER'S ORDER N°290/03 OF
13/11/2015 DETERMINING SPECIAL
REGULATIONS GOVERNING
GOVERNMENT SUBSIDIZED SCHOOLS

ARRETE DU PREMIER MINISTRE
N°290/03 DU 13/11/2015 DETERMINANT
LES REGLES PARTICULIERES
APPLICABLES AUX ECOLES
CONVENTIONNEES

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Ubuzimagatozi bw'amashuri
y'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano

Article 2: Legal personality of Government
subsidized schools

Article 2: Personnalité juridique des écoles
conventionnées

Ingingo ya 3: Amasezerano agenga amashuri
y'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano

Article 3: Agreement governing Government
subsidized schools

Article 3: Convention régissant les écoles
conventionnées

UMUTWE WA II: IMITUNGANYIRIZE
N'IMIKORERE BY'AMASHURI
Y'ABAFATANYA NA LETA KU
BW'AMASEZERANO

CHAPTER II: ORGANIZATION AND
FUNCTIONING OF GOVERNMENT
SUBSIDIZED SCHOOLS

CHAPITRE II: ORGANISATION ET
FONCTIONNEMENT DES ECOLES
CONVENTIONNEES

Icyiciro cya mbere: Imitunganyirize y'amashuri
y'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano

Section One: Organisation of Government
subsidized schools

Section première: Organisation des écoles
conventionnées

Ingingo ya 4: Inzego z'Ubuyobozi zihariye
z'amashuri y'abafatanya na Leta ku
bw'amasezerano

Article 4: Special Administrative Organs of
Government subsidized schools

Article 4: Organes administratifs spécifiques
aux écoles conventionnées

<u>Ingingo ya 5:</u> Abagize inzego z'Ubuyobozi zihariye z'amashuri y'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano	<u>Article 5:</u> Composition of special administrative organs of Government subsidized schools	<u>Article 5:</u> Membres des organes administratifs spécifiques aux écoles conventionnées
<u>Ingingo ya 6:</u> Ishyirwaho ry'abayobozi b'ishuri ry'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano	<u>Article 6:</u> Nomination of administrative staff of Government subsidized schools	<u>Article 6:</u> Nomination du personnel administratif des écoles conventionnées
<u>Ingingo ya 7:</u> Isuzumamikorere ry'abayobozi b'amashuri y'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano	<u>Article 7:</u> Performance assessment of administrative staff of Government subsidized schools	<u>Article 7:</u> Evaluation des performances du personnel administratif des écoles conventionnées
<u>Ingingo ya 8:</u> Abarimu bo mu mashuri y'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano	<u>Article 8:</u> Academic staff of Government subsidized schools	<u>Article 8:</u> Personnel enseignant des écoles conventionnées
<u>Ingingo ya 9:</u> Isuzumamikorere ry'abarimu n'abandi bakozi b'amashuri y'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano	<u>Article 9:</u> Performance assessment of academic and other staff of Government subsidized schools	<u>Article 9:</u> Evaluation des performances des enseignants et autres membres du personnel des écoles conventionnées
<u>Icyiciro cya 2:</u> Imikorere y'amashuri y'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano	<u>Section 2:</u> Functioning of Government subsidized schools	<u>Section 2:</u> Fonctionnement des écoles conventionnées
<u>Ingingo ya 10:</u> Integanyanyigisho n'imfashanyigisho by'isomo ry'iyoboka mana mu mashuri y'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano	<u>Article 10:</u> Curricula and didactic materials of a religious course in Government subsidized schools	<u>Article 10:</u> Programme d'enseignement et matériel didactique du cours de religion dans les écoles conventionnées
<u>Ingingo ya 11:</u> Imicungire y'abanyeshuri mu mashuri y'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano	<u>Article 11:</u> Students management in Government subsidized schools	<u>Article 11:</u> Gestion des élèves des écoles conventionnées
<u>Ingingo ya 12:</u> Ubwisanzure bwo gusenga mu mashuri y'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano	<u>Article 12:</u> Worship freedom in Government subsidized schools	<u>Article 12:</u> Liberté de culte dans des écoles conventionnées

**UMUTWE III: UMUTUNGO UKORESHA
N'ISHURI RY'ABAFATANYA NA LETA KU
BW'AMASEZERANO**

**CHAPTER III: PROPERTY USED BY
GOVERNMENT SUBSIDIZED SCHOOL**

**CHAPITRE IV: PATRIMOINE UTILISE
PAR UNE ECOLE CONVENTIONNEE**

Ingingo ya 13: Umutungo utimukanwa ishuri ry'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano rikoresha

Article 13: Immovable property used by Government subsidized school

Article 13: Biens immobiliers utilisés par une école conventionnée

Ingingo ya 14: Imari ishuri ry'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano rikoresha

Article 14: Funds used by a Government subsidized school

Article 14: Fonds utilisés par une école conventionnée

Ingingo ya 15: Ibikoresho ishuri ry'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano rikenera

Article 15: Equipment needed by Government subsidized school

Article 15: Equipement dont une école conventionnée a besoin

Ingingo ya 16: Imicungire y'umutungo ishuri ry'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano rikoresha

Article 16: Management of the property used by a Government subsidized school

Article 16: Gestion du patrimoine utilisé par une école conventionnée

**UMUTWE WA IV: IHINDUKA RYA SITATI
Y'ISHURI RY'ABAFATANYA NA LETA KU
BW'AMASEZERANO**

**CHAPTER IV: MODIFICATION OF
STATUS OF GOVERNMENT SUBSIDIZED
SCHOOLS**

**CHAPITRE IV: CHANGEMENT DE
STATUT D'UNE ECOLE
CONVENTIONNEE**

Ingingo ya 17: Uburyo ishuri ry'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano rihinduka ishuri rya Leta

Article 17: Modalities for a Government subsidized school to become a public school

Article 17: Modalités suivant lesquelles une école conventionnée devient une école publique

Ingingo ya 18: Uburyo ishuri ry'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano rihinduka ishuri ryigenga

Article 18: Modalities for a Government subsidized school to become a private school

Article 18: Modalités suivant lesquelles une école conventionnée devient une école privée

Ingingo ya 19: Uburyo ishuri ryigenga rihinduka iry'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano

Article 19: Modalities for a private school to become a Government subsidized school

Article 19: Modalités suivant lesquelles une école privée devient une école conventionnée

Ingingo ya 20: Uburyo ishuri ryigenga ryahoze ari iry'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano rihagarika imirimo y'uburezi

Article 20: Modalities for a private school formerly Government subsidized school to close education activities

Article 20: Modalités suivant lesquelles une école privée anciennement conventionnée cesse les activités d'éducation

UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA

CHAPTER V: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 21: Abashinzwe kubahiriza iri teka

Article 21: Authorities responsible for the implementation of this Order

Article 21: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Ingingo ya 22: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 22: Repealing provision

Article 22: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 23: Igihe iteka ritangira

Article 23: Commencement

Article 23: Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE
N°290/03 RYO KU WA 13/11/2015
RISHYIRAHU AMATEGEKO YIHARIYE
AGENGA AMASHURI Y'ABAFATANYA
NA LETA KU BW'AMASEZERANO**

**PRIME MINISTER'S ORDER N°290/03 OF
13/11/2015 DETERMINING SPECIAL
REGULATIONS GOVERNING
GOVERNMENT SUBSIDIZED SCHOOLS**

**ARRETE DU PREMIER MINISTRE
N°290/03 DU 13/11/2015 DETERMINANT
LES REGLES PARTICULIERES
APPLICABLES AUX ECOLES
CONVENTIONNEES**

Minisitiri w'Intebe;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 118, iya 119, iya 121 n'ya 201;

Ashingiye ku Itegeko Ngenza n° 02/2011/OL ryo ku wa 27/07/2011 rigena imiterere y'uburezi, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 24;

Bisabwe na Minisitiri w'Uburezi;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 05/08/2015 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

ATEGETSE:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Iri teka rishyiraho amategeko yihariye agenga amashuri y'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano.

The Prime Minister;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 118, 119, 121 and 201;

Pursuant to Organic Law n° 02/2011/OL of 27/07/2011 governing organization of education, especially in Article 24;

On proposal by the Minister of Education;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 05/08/2015;

HEREBY ORDERS:

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Order

This Order determines special regulations governing Government subsidized schools.

Le Premier Ministre;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 118, 119, 121 et 201;

Vu la Loi Organique n° 02/2011/OL du 27/07/2011 portant organisation de l'éducation, spécialement en son article 24;

Sur proposition du Ministre de l'Education;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 05/08/2015;

ARRETE:

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Article premier: Objet du présent arrêté

Le présent arrêté détermine les règles particulières applicables aux écoles conventionnées.

Ingingo ya 2: Ubuzimagatozi bw'amashuri y'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano

Amashuri y'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano ntagira ubuzimagatozi bwite.

Igihe bibaye ngombwa ko ishuri ry'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano riragwa cyangwa riraga mu nkiko bikorwa mu izina ry'abagiranye amasezerano.

Ibyerekeye indishyi bigenwa n'urukiko bikishyurwa hakurikijwe uko amasezerano abiteganyaga.

Ingingo ya 3: Amasezerano agenga amashuri y'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano

Amashuri y'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano agengwa n'amasezerano ashirwaho umukono na Minisitiri ufite uburezi mu nshingano ze hamwe n'umuntu ku giti cye cyangwa umuryango washinze ishuri. Aya masezerano agaragaza inshingano z'impande zombi mu guteza imbere amashuri bafatanyije.

UMUTWE WA II: IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BY'AMASHURI Y'ABAFATANYA NA LETA KU BW'AMASEZERANO

Icyiciro cya mbere: Imitunganyirize y'amashuri y'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano

Article 2: Legal personality of Government subsidized schools

Government subsidized schools have no own legal personality.

In case a Government subsidized school is to sue or to be sued in court, it must be done in the name of signatories of the agreement.

The damages and interest shall be determined by the court and compensation made in accordance with the provisions of the agreement.

Article 3: Agreement governing Government subsidized schools

Government subsidized schools shall be governed by an agreement signed between the Minister in charge of education and the individual person or the organization that founded the school. This agreement shall determine the obligations of both parties to develop subsidized schools.

CHAPTER II: ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF GOVERNMENT SUBSIDIZED SCHOOLS

Section One: Organisation of Government subsidized schools

Article 2: Personnalité juridique des écoles conventionnées

Les écoles conventionnées n'ont pas de personnalité juridique propre.

S'il s'avère nécessaire qu'une école conventionnée compareisse en justice comme partie demanderesse ou défenderesse, cela est fait au nom des signataires de la convention.

Les dommages et intérêts sont déterminés par les juridictions et la réparation est faite conformément aux dispositions de la convention.

Article 3: Convention régissant les écoles conventionnées

Les écoles conventionnées sont régies par une convention signée entre le Ministre ayant l'éducation dans ses attributions et la personne physique ou l'association fondatrice. Cette convention détermine les obligations des deux parties afin de développer les écoles conventionnées.

CHAPITRE II: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DES ECOLES CONVENTIONNEES

Section première: Organisation des écoles conventionnées

Ingingo ya 4: Inzego z'Ubuyobozi zihariye z'amashuri y'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano

Bitabangamiye izindi nzego z'ubuyobozi ziteganywa n'itegeko, inzego z'ubuyobozi zihariye z'amashuri y'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano ni izi zikurikira:

- 1° Urwego rw'Igihugu;
- 2° Urwego rw'Akarere;
- 3° Urwego rw'Umurenge.

Inshingano n'imikorere by'inzego z'ubuyobozi zihariye z'amashuri y'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano bigenwa n'amasezerano.

Ingingo ya 5: Abagize inzego z'ubuyobozi zihariye z'amashuri y'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano

Abagize Urwego rw'Igihugu rw'amashuri y'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano ni aba bakurikira:

- 1° Minisitiri ufite uburezi mu nshingano ze;
- 2° Minisitiri ufite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze;
- 3° uhagarariye ku rwego rw'Igihugu amashuri y'umuryango cyangwa umuntu

Article 4: Special Administrative Organs of Government subsidized schools

Without prejudice to other administrative organs determined by the law, special administrative organs of Government subsidized schools shall be the following:

- 1° National Organ;
- 2° District Organ;
- 3° Sector Organ.

Responsibilities and functioning of special administrative organs of Government subsidized schools shall be determined by agreement.

Article 5: Composition of the special administrative organs of Government subsidized schools

Members of National Organ of Government subsidized schools shall comprise the following:

- 1° the Minister in charge of education;
- 2° the Minister in charge of local Government;
- 3° the national representative of schools founded by organizations or individual persons that

Article 4: Organes administratifs spécifiques aux écoles conventionnées

Sans préjudice aux autres organes administratifs prévus par la loi, les organes administratifs spécifiques aux écoles conventionnées sont les suivants:

- 1° Organe National;
- 2° Organe du District;
- 3° Organe du Secteur.

Les attributions et le fonctionnement des organes administratifs spécifiques aux écoles conventionnées sont déterminés par la convention.

Article 5: Membres des organes administratifs spécifiques aux écoles conventionnées

Les membres de l'Organe National des écoles conventionnées sont les suivants:

- 1° le Ministre ayant l'éducation dans ses attributions;
- 2° le Ministre ayant l'administration locale dans ses attributions;
- 3° le représentant national des écoles d'une organisation ou d'une personne physique

Official Gazette n° 50 of 14/12/2015

ku giti cye wagiranye na Leta amasezerano y'ubufatanye mu burezi.

signed an agreement with the Government to be subsidized in education.

ayant signé la convention avec l'Etat en matière d'éducation.

Abagize Urwego rw'Akarere rw'amashuri y'abafatanye na Leta ku bw'amasezerano ni aba bakurikira:

Members of District Organ of Government subsidized schools shall comprise the following:

Les membres de l'Organe de District des écoles conventionnées sont les suivants:

1° Umuyobozi w'Akarere;

1° the Mayor of the District;

1° le Maire de District;

2° Uhagarariye ku rwego rw'Akarere amashuri y'umuryango cyangwa umuntu ku giti cye wagiranye na Leta amasezerano y'ubufatanye mu burezi.

2° the District level representative of schools founded by organization or individual persons that signed an agreement with the Government to be subsidized in education.

2° le représentant, au niveau du District, des écoles d'une organisation ou d'une personne physique ayant signé la convention avec l'Etat en matière d'éducation.

Abagize Urwego rw'Umurenge rw'amashuri y'abafatanye na Leta ku bw'amasezerano ni aba bakurikira:

Members of Sector Organ of Government subsidized schools shall comprise the following:

Les membres de l'Organe du Secteur des écoles conventionnées sont les suivants:

1° Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge;

1° the Sector Executive Secretary;

1° le Secrétaire Exécutif du Secteur;

2° uhagarariye ku rwego rw'Umurenge amashuri y'umuryango cyangwa umuntu ku giti cye wagiranye na Leta amasezerano y'ubufatanye mu burezi.

2° the Sector level representative of schools founded by organization or individual persons that signed an agreement with the Government to be subsidized in education.

2° le représentant, au niveau du Secteur, des écoles d'une organisation ou d'une personne physique ayant signé la convention avec l'Etat en matière d'Education.

Ingingo ya 6: Ishyirwaho ry'Umuyobozi w'ishuri ry'abafatanye na Leta ku bw'amasezerano

Article 6: Nomination of a Head Teacher of Government subsidized schools

Article 6: Nomination du Directeur des écoles conventionnées

Umuryango cyangwa umuntu ku giti cye wagiranye na Leta amasezerano y'ubufatanye mu burezi atanga amadosiye y'abakandida batatu (3) bujuje ibyangombwa bisabwa kuri

An organization or individual person who signed an agreement with the Government to be subsidized in education shall submit files of three (3) candidates who fulfill the requirements to that post and the

Une association ou une personne physique ayant signé la convention avec l'Etat en matière d'éducation soumet trois (3) candidatures remplissant les conditions exigées à ce poste

Official Gazette n° 50 of 14/12/2015

uwu mwanya batoranywamo umwe (1) n'urwego rwa Leta rufite ububasha bwo gutanga akazi kuri uwu mwanya hakurikijwe uburyo bwo gushyira abayobozi b'amashuri mu myanya.

Government competent organ shall select one (1) candidate basing on the nomination procedures for school administrative staff.

parmi lesquelles l'organe de l'Etat habilité à nommer le titulaire de ce poste, choisit un (1) seul candidat conformément à la procédure en vigueur pour pourvoir aux postes administratifs dans les écoles.

Ku mashuri y'amadini, iyo hari uwihayimana, Umupasitori cyangwa Shehe wujuje ibisabwa, nyir'ishuri amushyikiriza urwego rwa Leta rubifitiye ububasha agahabwa uwanyu w'ubuyobozi bw'ishuri bitabaye ngombwa ko habaho ipiganwa.

For religious schools, a Priest/Nun, a Pastor, a Sheikh who fulfills the requirements, the owner of the school shall present the candidate to the Government competent organ to be appointed to the post of a Head Teacher without competition.

Pour les écoles d'associations religieuses, lorsqu'il y a un religieux, un pasteur, ou un Sheikh remplissant les conditions exigées, le propriétaire de l'école transmet son dossier à l'organe de l'Etat habilité afin d'être nommé au poste de Directeur de l'école sans passer par le concours.

Ingingo ya 7: Isuzumamikorere ry'abayobozi b'amashuri y'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano

Article 7: Performance assessment of Head Teachers of Government subsidized schools

Article 7: Evaluation des performances du Directeurs des écoles conventionnées

Abayobozi b'amashuri y'incuke, abanza, ayisumbuye n'ay'imyuga n'ubumenyiringiro Leta ihuriyeho n'abikorera ku bw'amasezerano bakorerwa isuzumamikorere na:

The Head Teachers of nursery, primary, secondary and technical and vocational schools of Government subsidized schools shall be evaluated by:

Les Directeurs des écoles maternelles, primaires, secondaires ainsi que des écoles techniques et professionnelles conventionnées sont évalués par:

- 1° Uhagarariye nyir'ishuri ku rwego rw'Umurenge ku rwego rwa mbere;
- 2° Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge ku rwego rwa kabiri;
- 3° Umuyobozi w'Akarere ku rwego rwa gatatu.

- 1° the legal representative of the owner of the school at Sector level at the first level;
- 2° the Sector Executive Secretary at the second level;
- 3° Mayor of the District at third level.

- 1° le représentant du propriétaire de l'école du niveau de Secteur au premier degré;
- 2° le Secrétaire Exécutif du Secteur au deuxième degré;
- 3° le Maire de District au troisième degré.

Uburyo isuzumamikorere ry'abayobozi b'amashuri y'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano rikorwa bugenwa na sitati

Special statute governing academic staff of nursery, primary and secondary schools shall determine modalities on performance appraisals for

Les modalités d'évaluation des performances du personnel administratif des écoles conventionnées sont déterminées par le statut particulier des

Official Gazette n° 50 of 14/12/2015

yihariye igenga abarimu b'amashuri y'incuke, abanza n'ayisumbuye.

administrative staff of Government subsidized schools.

écoles maternelles, primaires et secondaires.

Ingingo ya 8: Abarimu bo mu mashuri y'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano

Article 8: Academic staff of Government subsidized schools

Article 8: Personnel enseignant des écoles conventionnées

Abarimu bo mu mashuri y'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano batoranywa kandi bagacungwa ku bufatanye bwa Leta hamwe n'umuntu ku giti cye cyangwa umuryango washinze ishuri.

The Academic staff of Government subsidized schools shall be selected and jointly managed by the Government and the individual person or the organization that founded the school.

Le personnel enseignant des écoles conventionnées est choisi et géré conjointement par l'Etat et la personne physique ou l'association fondatrice.

Uburyo bwo gutoranyana abarimu, kubashyira mu myanya, kubagera umushahara, kubacunga no kubavana ku mirimo bugenwa n'amasezerano.

The procedure to select, appoint, determine their salary, manage and dismiss the academic staff shall be determined by the agreement.

Les modalités de sélection, d'affectation, de rémunération, de gestion et de révocation du personnel enseignant sont déterminées par la convention.

Ingingo ya 9: Isuzumamikorere ry'abarimu b'amashuri y'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano

Article 9: Performance assessment of academic staff of Government subsidized schools

Article 9: Evaluation des performances des enseignants des écoles conventionnées

Abarimu b'amashuri y'incuke n'abanza Leta ihuriyeho n'abikorera ku bw'amasezerano bakorerwa isuzumamikorere na:

The academic staff of nursery and primary of Government subsidized schools shall be evaluated by:

Les enseignants des écoles maternelles et primaires conventionnées sont évalués par:

1° Umuyobozi w'ishuri ku rwego rwa mbere;

1° the Head Teacher at the first level;

1° le Directeur de l'école au premier degré;

2° Uhagarariye nyir'ishuri ku rwego rw'Umurenge ku rwego rwa kabiri;

2° the legal representative of the owner of the school at Sector level at the second level;

2° le représentant du propriétaire de l'école du niveau de Secteur au deuxième degré;

3° Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge ku rwego rwa gatatu.

3° the Sector Executive Secretary at the third level.

3° le Secrétaire Exécutif du Secteur au troisième degré.

Abarimu b'amashuri yisumbuye Leta ihuriyeho n'abikorera ku bw'amasezerano bakorerwa

Academic staff members of secondary schools of Government subsidized schools shall be evaluated

Les enseignants des écoles secondaires conventionnées sont évalués par:

isuzumamikorere na:

by:

1° Umuyobozi w'ishuri ku rwego rwa mbere;

1° the Head Teacher at the first level;

1° le Directeur de l'école au premier degré;

2° Uhagarariye nyir'ishuri ku rwego rw'Akarere ku rwego rwa kabiri;

2° the legal representative of the owner of the school at District level at the second level;

2° le représentant du propriétaire de l'école du niveau de District au deuxième degré;

3° Umuyobozi w'Akarere ku rwego rwa gatatu.

3° Mayor of the District at third level.

3° le Maire de District au troisième degré.

Icyiciro cya 2: Imikorere y'amashuri y'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano

Section 2: Functioning of Government subsidized schools

Section 2: Fonctionnement des écoles conventionnées

Ingingo ya 10: Integanyanyigisho n'imfashanyigisho by'isomo ry'iyobokamana mu mashuri y'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano

Article 10: Curricula and didactic materials of a religious course in Government subsidized schools

Article 10: Programme d'enseignement et matériel didactique du cours de religion dans les écoles conventionnées

Integanyanyigisho n'imfashanyigisho by'isomo ry'iyobokamana mu mashuri y'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano zemezwa ku bwumvikane bw'impande zombi hakurikijwe ibiteganywa n'ayo masezerano.

The Curricula and didactic materials of a religious course in Government subsidized schools shall be jointly agreed by both parties in accordance with the agreement.

Le programme d'enseignement et le matériel didactique du cours de religion dans les écoles conventionnées sont approuvés conjointement par les deux parties conformément à la convention.

Ingingo ya 11: Imicungire y'abanyeshuri mu mashuri y'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano

Article 11: Students management in Government subsidized schools

Article 11: Gestion des élèves des écoles conventionnées

Mu mashuri y'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano abanyeshuri bacungwa hakurikijwe amategeko, amateka, amabwiriza bigenga uburezi muri rusange, amasezerano yasinnye hagati ya Leta na nyir'ishuri hamwe n'amategeko ngengamikorere y'ishuri.

In Government subsidized schools, students shall be governed in accordance with laws, orders, rules governing education in general, agreement signed between the Government and the owner of the school and Internal Rules and Regulations of the school.

Dans les écoles conventionnées, les élèves sont gérés conformément aux lois, arrêtés et règlements régissant l'éducation en général, la convention signée entre l'Etat et le propriétaire de l'école ainsi qu'au règlement d'ordre intérieur de l'école.

Ingingo ya 12: Ubwisanzure bwo gusenga mu mashuri y'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano

Buri shuri ry'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano rigomba kubahiriza ubwisanzure bw'abanyeshuri bwo gusenga no korohereza abanyeshuri gusenga hakurikijwe imyemerere yabo mu gihe idini cyangwa itorero basengeramo ryemewe n'amategeko y'Igihugu kandi bitabangamiye imyigire n'imyigishirize.

UMUTWE WA III: UMUTUNGO UKORESHWA N'ISHURI RY'ABAFATANYANA NA LETA KU BW'AMASEZERANO

Ingingo ya 13: Umutungo utimukanwa ukoreshwa n'ishuri ry'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano

Umutungo utimukanwa w'ishuri ry'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano ugizwe n'ubutaka, amazu n'izindi nyubako zikoreshwa n'ishuri.

Ubutaka bukoreshwa n'amashuri y'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano ni umutungo w'umuryango cyangwa umuntu ku giti cye iyo yabuhawe ku buryo bwemewe n'amategeko.

Amazu hamwe n'izindi nyubako bikoreshwa n'amashuri y'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano byubatswe kuri ubwo butaka ni umutungo wa nyir'ubutaka.

Article 12: Worship freedom in Government subsidized schools

Each school shall respect the worship freedom of the students and facilitate them to pray in accordance with their faith if their religion or church is legally accepted and if the teaching and learning are not compromised with.

CHAPTER III: PROPERTY USED BY GOVERNMENT SUBSIDIZED SCHOOL

Article 13: Immovable property used by Government subsidized school

The immovable property to be used by subsidized schools shall include land, buildings and other educational infrastructures.

The land of Government subsidized schools shall be the property of the association or individual person if it was legally granted.

Buildings and other infrastructures erected on the land of Government subsidized schools shall be the property of the land owner.

Article 12: Liberté de culte dans des écoles conventionnées

Chaque école conventionnée doit respecter la liberté de culte des élèves et leur en faciliter l'exercice lorsque leur religion ou église est reconnue par la loi nationale et au cas où l'exercice de cette liberté ne compromet pas l'enseignement et l'apprentissage.

CHAPITRE IV: PATRIMOINE UTILISE PAR UNE ECOLE CONVENTIONNEE

Article 13: Biens immobiliers utilisés par une école conventionnée

Les biens immobiliers utilisés par une école conventionnée comprennent le terrain, des bâtiments et autres infrastructures scolaires.

Le terrain des écoles conventionnées est la propriété de l'association ou de la personne privée lorsqu'il lui a été légalement attribué.

Les bâtiments et autres infrastructures érigés sur le terrain des écoles conventionnées appartiennent au propriétaire du terrain.

Ingingo ya 14: Imari ishuri ry'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano rikoresha

Amafaranga Leta igenera amashuri y'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano, amafaranga atangwa n'ababyeyi, atangwa n'umuryango cyangwa umuntu ku giti cye wagiranye amasezerano y'ubufatanyane mu burezi na Leta, amafaranga akomoka ku bikorwa by'ishuri hamwe n'amafaranga y'ishuri agomba gukoreshwa gusa mu bikorwa by'ishuri.

Inkunga Leta igenera ishuri rihuriweho na Leta n'abikorera ku bw'amasezerano imenyeshwa uwo bafatanyije mu burezi. Nyir'ishuri na we amenyesha Leta inkunga yageneye iryo shuri.

Ingingo ya 15: Ibikoresho ishuri ry'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano rikenera

Ibikoresho ishuri ry'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano rihabwa na Leta, ibitangwa n'umuryango cyangwa umuntu ku giti cye wagiranye na Leta amasezerano y'ubufatanyane mu burezi hamwe n'ibikomoka ku bikorwa by'ishuri bigomba gukoreshwa gusa mu mirimo y'ishuri.

Ingingo ya 16: Imicungire y'umutungo ishuri ry'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano rikoresha

Umutungo w'ishuri ry'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano ucungwa hakurikijwe uburyo

Article 14: Funds used by a Government subsidized school

Funds allocated by the State, funds from parents, those allocated by the organization or the individual person who signed the agreement with the State, funds from school activities and those from tuition fees shall be used only in school activities.

Government contribution to the Government subsidized school shall be communicated to the other party and the owner of the school shall also communicate his/her contribution to the school.

Article 15: Equipment needed by Government subsidized school

The equipment granted by the Government to a Government subsidized school, those given by the organization or the individual person who signed the agreement with the Government, those from school activities shall be used only in school activities.

Article 16: Management of the property used by a Government subsidized school

The property of Government subsidized school shall be managed in accordance with the agreement.

Article 14: Fonds utilisés par une école conventionnée

Les fonds alloués par l'Etat aux écoles conventionnées, ceux alloués par les parents, ceux provenant de l'organisation ou de la personne privée ayant signé la convention de partenariat avec l'Etat, les fonds provenant des activités de l'école ainsi que les frais de scolarités doivent être utilisés uniquement pour les activités scolaires.

Le partenaire de l'Etat est informé des fonds alloués par l'Etat à l'école conventionnée. A son tour, il informe l'Etat de sa contribution à cette école.

Article 15: Equipement dont une école conventionnée a besoin

L'équipement scolaire accordé par l'Etat, celui donné par l'organisation ou la personne physique ayant signé la convention avec l'Etat à l'école conventionnée ainsi que celui provenant des activités de l'école sont utilisés uniquement pour les activités scolaires.

Article 16: Gestion du patrimoine utilisé par une école conventionnée

Les modalités de gestion du patrimoine d'une école conventionnée sont déterminées par la

buteganywa n'ayo masezerano.

UMUTWE WA IV: IHINDUKA RYA SITATI Y'ISHURI RY'ABAFATANYA NA LETA KU BW'AMASEZERANO

Ingingo ya 17: Uburyo ishuri ry'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano rihinduka ishuri rya Leta

Mu gihe bigaragaye ko ufatanyana na Leta ku bw'amasezerano atagishoboye kubahiriza amasezerano yagiranye na Leta, ishuri rishobora kugirwa ishuri rya Leta.

Icyemezo cyo guhindura ishuri ry'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano ishuri rya Leta gifatwana na Minisitiri ufite uburezi mu nshingano ze ashingiyeye ku myanzuro y'inama y'abayobozi b'amashuri y'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano ku rwego rw'Igihugu.

Ingingo ya 18: Uburyo ishuri ry'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano rihinduka ishuri ryigenga

Mu gihe ari byo bifitiye uburezi akamaro, ishuri ry'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano rishobora guhinduka ishuri ryigenga.

Icyemezo cyo guhindura ishuri ry'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano ishuri ryigenga gifatwana na Minisitiri ufite uburezi mu nshingano ze abisabwe mu nyandiko n'uhagarariye nyir'ishuri ku rwego rw'Igihugu.

CHAPTER IV: MODIFICATION OF STATUS OF GOVERNMENT SUBSIDIZED SCHOOLS

Article 17: Modalities for a Government subsidized school to become a public school

In case the partner in education is no longer able to respect the convention, the subsidized school may become a public school.

The decision to transform the subsidized school into a public school shall be taken by the Minister in charge of education based on the resolution of the council in charge of Government subsidized schools at national level.

Article 18: Modalities for a Government subsidized school to become a private school

For educational interest, a subsidized school may become a private school.

The decision to transform the subsidized school into a private school shall be taken by the Minister in charge of education based on the written request of the legal representative of the owner of the school at national level.

convention.

CHAPITRE IV: CHANGEMENT DE STATUT D'UNE ECOLE CONVENTIONNEE

Article 17: Modalités suivant lesquelles une école conventionnée devient une école publique

Au cas où le partenaire de l'Etat n'est plus capable de respecter la convention, l'école conventionnée peut devenir une école publique.

La décision de transformer une école conventionnée en une école publique est prise par le Ministre ayant l'éducation dans ses attributions sur base des résolutions d'une réunion des autorités des écoles conventionnées du niveau national.

Article 18: Modalités suivant lesquelles une école conventionnée devient une école privée

Pour l'intérêt de l'éducation, une école conventionnée peut devenir une école privée.

La décision de transformer une école conventionnée en une école privée est prise par le Ministre ayant l'éducation dans ses attributions sur demande écrite du représentant du propriétaire de l'école du niveau national.

Ibirebana n'abanimu, abandi bakozi, abanyeshuri n'umutungo by'ishuri ry'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano rihindutse ishuri ryigenga bigenwa n'amasezerano.

Ingingo ya 19: Uburyo ishuri ryigenga rihinduka iry'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano

Nyir'ishuri ryigenga ashobora gusaba mu nyandiko ko ishuri rye rihinduka iry'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano.

Icyemezo cyo guhindura ishuri ryigenga iry'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano gifatwa na Minisitiri ufite uburezi mu nshingano ze.

Ingingo ya 20: Uburyo ishuri ryigenga ryahoze ari iry'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano rihagarika imirimo y'uburezi

Igihe nyir'ishuri ryigenga ryahoze ari iry'abafatanyana na Leta ku bw'amasezerano, yifuza guhagarika imirimo y'uburezi, icyemezo gifatwa na Minisitiri ufite uburezi mu nshingano ze. Ibyerekeye imikoreshereze y'umutungo buri ruhande rwashyizemo biteganywa n'amasezerano.

When a Government subsidized school becomes a private school, the fate of academic students and other staff shall be determined by the agreement.

Article 19: Modalities for a private school to become a Government subsidized school

The owner of a private school may request in writing for changing his/her school into a Government subsidized school.

The decision to transform a private school into a Government subsidized school shall be taken by the Minister in charge of education.

Article 20: Modalities for a private school formerly subsidized school to close education activities

In case the owner of a private school, formerly subsidized school wishes to stop educational activities, the decision shall be taken by the Minister in charge of education. The management of the property invested in the school jointly shall be determined by the agreement.

Le sort des enseignants, des autres agents, des élèves et du patrimoine de l'école conventionnée devenue privée est régi par la convention.

Article 19: Modalités suivant lesquelles une école privée devient une école conventionnée

Le propriétaire d'une école privée peut demander par écrit que son école devienne une école conventionnée.

La décision de transformer une école privée en une école conventionnée est prise par le Ministre ayant l'éducation dans ses attributions.

Article 20: Modalités suivant lesquelles une école privée anciennement conventionnée cesse les activités d'éducation

Au cas où le propriétaire d'une école privée, anciennement conventionnée désire cesser les activités d'éducation, la décision est prise par le Ministre ayant l'éducation dans ses attributions. Le sort du patrimoine alloué à l'école par chaque partie est déterminé par la convention.

UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 21: Abashinzwe kubahiriza iri teka

Minisitiri w'Uburezi na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu basabwe kubahiriza iri teka

Ingingo ya 22: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 23: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 13/11/2015

CHAPTER V: FINAL PROVISIONS

Article 21: Authorities responsible for the implementation of this Order

The Minister of Education and the Minister of Local Government are entrusted with the implementation of this Order.

Article 22: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Article 23: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 13/11/2015

CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES

Article 21: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Le Ministre de l'Education et le Ministre de l'Administration Locale sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Article 22: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 23: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 13/11/2015

Official Gazette n° 50 of 14/12/2015

(sé)

MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

(sé)

MUREKEZI Anastase
Prime Minister

(sé)

MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

(sé)

Dr. MUSAFIRI Papias Malimba
Minisitiri w'Uburezi

(sé)

Dr. MUSAFIRI Papias Malimba
Minister of Education

(sé)

Dr. MUSAFIRI Papias Malimba
Ministre de l'Education

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux